Republic of Rwanda
Ministry of Education

Kigali, 07/10/2022
N°: 1678/12.00/2022

Madamu Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
**KIGALI**

**Impamvu**: Abarimu batari babona impamyabumenyi

Madamu Minisitiri,

Nshingiye ku Iteka rya Perezida N⁰ 064/01 ryo kuwa 16/3/2020 rishyiraho Sitati yihariye igenga abarimu b'Amashuri y'Inshuke, Abanza n'Ayisumbuye n'ay'Imyuga n'Ubumenyingiro mu ngingo yaryo ya 28: ***Ibyangombwa bisabwa umwarimu mbere yo gushyirwa mu mwanya w'akazi***;

Nshingiye ku Ibaruwa N° 049/19.23 yo ku wa 10/01/2020 yandikiwe Abayobozi b'Uturere bose yemerera abanyeshuri bakirangiza amasomo bategereje ko Impamyabumenyi zabo ziboneka, gukora amapiganwa no gushyirwa mu myanya y'imirimo mu Nzego za Leta ariko bigakorwa nyuma y'umuhango wo guhabwa impamyabumenyi (graduation)

Maze kubona ko hari abakandida bakoze amapiganwa ndetse bakoherezwa mu Turere kugira ngo bashyirwe mu myanya itandukanye yo kwigisha ariko bakaba bararangije amasomo n'ibindi byose bijyanye nayo ariko umuhango wo guhabwa Impamyabumenyi (Graduation) ukaba utarakorwa;

Nshingiye ko umuhango wo gutanga impamyabumenyi ku banyeshuri barangije amasomo muri Kaminuza n'Amashuri makuru atandukanye yo mu Rwanda uteganyijwe muri iki gihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri wa 2022-2023 (Ukwakira-Ugushyingo n'Ukuboza, 2022);

Mu rwego rwo gukomeza gufatanya mu gikorwa cyo gushaka no gushyira mu myanya abarimu bakenewe mu bigo by'amashuri muri uyu mwaka wa 2022-2023, nkuko Minisiteri y'Uburezi ibinyujije k'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze

(REB) n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imyuga n'Ubumenyingiro (RTB) bamaze igihe bari muri icyo gikorwa;

Mbandikiye mbasaba ko mwatwemerera, mu byangombwa bisabwa kugira ngo umwarimu ashyirwe mu mwanya w'akazi, icyangombwa *(To whom it may concern)* cyatanzwe na Kaminuza cyangwa ishuri Rikuru ryemewe mu Rwanda kigaragaza ko umunyeshuri yasoje amasomo ye yose neza akaba ategereje umuhango wo guhabwa impamyabumenyi (Degree), cyahabwa agaciro kugeza tariki ya 31/12/2022 bityo abakandida bafite ibyo byangombwa bagahabwa amabaruwa y'akazi y'agateganyo kandi bakabihemberwaho.

Mugire amahoro.

**Dr. UWAMARIYA Valentine**
Minisitiri w'Uburezi

**<u>Bimenyeshejwe:</u>**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ikoranabuhanga n'Ubumenyingiro
- Umuyobozi Mukuru wa HEC
- Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC
- Umuyobozi w'Akarere (Bose)
- Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Abakozi ba Leta